ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA Y'ABAMINISITIRI YO KU ITARIKI YA 26 NYAKANGA 2006

None kuwa gatatu tariki ya 26 Nyakanga 2006, Inama y'Abaminisitiri yateraniye muri Village Urugwiro, iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME.

Imaze kwemeza gahunda y'inama, Inama y'Abaminisitiri yafashe ibyemezo bikurikira :

1. Inama y'Abaminisitiri yemeje ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri byo ku itariki ya 06/07/2006 imaze kubikorera ubugororangingo.

2. Inama y'Abaminisitiri yemeje Politiki y'inkunga iva hanze y'Igihugu /Aid Policy/ Politique de l'Aide Extérieure .

3. Inama y'Abaminisitiri yemeje u mushinga w'Itegeko rikuraho Ikigega cyo gutanga Inguzanyo z'Amacumbi (Fonds de Financement de l'Habitat/Housing Financing Fund) rigaha umutungo wacyo Banki y'Imiturire mu Rwanda.

4. Inama y'Abaminisitiri yemeje amafaranga ya "prime" yagenewe abakozi ba RRA.

5. Inama y'Abaminisitiri yemeje ibiranga inoti nshya y'amafaranga ibihumbi bibiri (2000Frw).

6. Inama y'Abaminisitiri yemeje Iteka rya Perezida ryimura abasirikare bo mu Ngabo z'Igihugu bakajya mu Kigo Gishinzwe Indege za Gisivili mu Rwanda .

7. Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n°16/2004 ryo kuwa 19/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu.

8. Inama y'Abaminisitiri yemeje imishinga y'amategeko yerekeye ishyirwaho ry'imiterere n'imikorere by'ibigo bya Leta bikurikira:

- Ikigo cy'Igihugu cy'Amaposita (ONP);

- Ikigo cya ELECTROGAZ;

- Ibigo by'Amashuri Makuru KIST, KIE, KHI, ISAE, SFB na UNR

9. Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'itegeko ryerekeye imiterere n'imikorere bya Banki Nkuru y'Igihugu (BNR);

10. Inama y'Abaminisitiri yemeje iteka rya Minisitiri riha abakozi ba Leta n'abakozi bo mu nzego z'ibanze ububasha bwo kurangiza imanza, ibyemezo by'inkiko n'inyandiko ziriho kashe mpuruza/formule exécutoire / executory stamp .

11. Inama y'Abaminisitiri yemeje ko abahuzabikorwa b'Inkiko Gacaca begurirwa amapikipiki bakoresha, ariko bakazagirana amasezerano n'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Inkiko Gacaca

12. Inama y'Abaminisitiri yemeje ko :

- Bwana **Ahmed Ramy Awad EL- HOSSEINY** ahagararira igihugu cye cya Egypte mu Rwanda ku rwego rw'Ambasaderi afite icyicaro I Kigali.

- Bwana **Iftikhar A. ARAIN** ahagararira igihugu cye cya Pakistani mu Rwanda ku rwego rw'Ambasaderi afite icyicaro i Nairobi (Kenya).

- Bwana **Christian CLAGES** ahagararira igihugu cye cy'Ubudage mu Rwanda ku rwego rw'Ambasaderi afite icyicaro i Kigali.

13. Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'itegeko rigenga imiryango mvamahanga idaharanira inyungu, ikorera mu Rwanda (ONG Internationales/ International NGO's).

14. Inama y'Abaminisitiri yemeje iteka rya Minisitiri rigena imitunganyirize n'imikorere ya Komite y'Amajyambere.

15 . Inama y'Abaminisitiri yemeje ko isosiyete "OZ Architecture" ikora akazi kose ko gutegura igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka mu Rwanda .

16. Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga wo gukoresha neza ingufu z'amashanyarazi mu Gihugu; ubwo buryo bwo gukoresha "ampules/bulbs" zitwara umuriro muke ni bwo buzajya bukoreshwa mu nyubako zose za Leta.

17. Inama y'Abaminisitiri yashyize Abayobozi mu myanya ku buryo bukurikira:

- Bwana KAYONGA NKUSI Jack: Umyobozi Mukuru Wungirije akaba n'Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ishoramari muri BRD;

- Dr. NDAHIRO James : umwe mu bagize Komisiyo yo kuvugurura amategeko y'ubucuruzi.

18. Mu bindi

a). Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko u Rwanda ruzakira inama y'Umuryango w'Abibumbye iziga ku kibazo cy'umutekano muri Afurika yo hagati, izabera i Kigali kuva ku itariki ya 25 kugeza ku ya 27 Nzeri 2006.

b) Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco na Siporo yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko:

- kuva ku itariki ya 5 kugeza ku ya 12 Kanama 2006 i Kigali hazabera iserukiramuco ry'imbyino - FESPAD- ku nshuro ya 5;

- ku itariki ya 7 Kanama 2006 i Kigali hazabera inama mpuzamahanga ku iterambere mu by'ubukungu/

international conference on the creative economy for development / conférence internationale sur une économie créative pour le dévelopement;

c) Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri uko inama ya mbere yo gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo Abayobozi b'Uturere bagiranye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yagenze (24-25 Nyakanga 2006).

d) Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Inganda no Guteza Imbere Ishoramari muri Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda, Guteza Imbere Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko muri iki gihe u Rwanda ari rwo rucunga uruganda rwa CIMERWA.

Kigali, kuwa 26/07/2006

Minisitiri muri Primature ushinzwe Itangazamakuru

Prof. NKUSI Laurent.